الحج والعمرة

HIJA NA UMURAT

## gukora hijat NA UMURAT

Hijat: Ni inkingi ya gatanu mu nkingi zigize Islamu, ikaba ari itegeko k'umuntu wujuje ibi bikurikira: Kuba umuyislamu, kuba afite ubwenge, kuba agejeje igihe cy'ubukure, kuba utari umucakara ndetse kuba ufite ubushobozi, k'umugore hiyongeraho kuba aherekejwe n'umuntu umuziririjweho igihe ashaka kujya gukora Hijat, inkingi za Hijat ni enye:

### ihiramu

Ariwo mugambi wo kwinjira mu bikorwa bya Hijat, ariko umugambi ntabwo ari ugukora Talibiyat (kwitaba) nta nubwo Ihiramu ari ukwambara umukenyero n'umwitero.

### Guhagarara ku musozi wa arafat

Kuva izuba rivuye hagati mu kirere gato ku munsi wa cyenda w'ukwezi kwa Dhul Hijat, kugeza umuseke utangaje ku munsi w'ilayidi, intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati **"Hijat ni Arafat"**.

### Gukora twawafu

(Twawafu yo gusura), ibaho nyuma yo guhagarara ku musozi wa Arafat, ariko ntabwo ari Twawafu umuntu akora akigera Makka.

### Gukora saayi

Hagati ya Swafa na Maruwa, Imana yaravuze iti **"Mu by'ukuri, Swafa na Maruwa ni bimwe mu birango by'Imana"**

### Ubwoko bw'imigenzo ya hijat

### Al ifrad

Ni ukuba umuntu yagambirira gukora Hijat yonyine, agakora ibikorwa byayo gusa.

### Al qiranu

Ni ukuba umuntu yagambirira gukora Hijat na Umurat hamwe, mu bikorwa bimwe, kandi agomba kuba afite igitambo.

### atamatuu

Ni ukuba umuntu yagambirira gukora Umurat mu mezi ya Hijat akayirangiza agakuramo imyambaro ya ihiramu, hanyuma akagambirira gukora Hijat mu gihe cyayo, ariko akaba agomba gutanga igitambo.

### Ibyangombwa bya hijat

Umuntu uretse kimwe muri ibi byangombwa, ategetse kucyishyura atanga igitambo, cy'intama ibagirwa Makka ikagabanywa abakene ba Makka, kandi ntabwo byemewe ko uwayitambye ayiryaho.

### Imipaka yo kugambiriraho hijat na umurat

### Iy'ibihe

Ariyo amezi ya Hijat: Shawali, Dhul Qaadat na Dhul Hijat. Iyi ikaba ari imipaka y'ibihe bya Hijat by'umwihariko, naho Umurat yo nta mipaka igira y'ibihe.

### Iy'ahantu

- **Dhul Hulayifah:** Ni umupaka w'abantu ba Madinah ndetse n'abahanyura.
- **Al Juhfah:** Ni umupaka w'abantu ba Shami na Misiri na Marocco.
- **Qar'nul Manaazil:** Ni umupaka w'abantu ba Najidi.
- **Yulamlam:** Ni umupaka w'abantu ba Yemen.
- **Dhata Ir'q:** Ni umupaka w'abantu ba Irak.

### Ibintu byiza muri hijat

Koga no kwisiga amarashi igihe ugiye kugambirira Hijat.

Abagabo kwambara umwitero n'umukenyero byera.

Guca inzara no kugabanya umusatsi ubona ari ngombwa kuwugabanya mbere yuko ufata umugambi.

Kwitaba (Talibiyat), kuva umaze gufata umugambi kugeza umaze gutera amabuye Jamuratu aqabatu.
Gukora Twawafu yo kugera Makka ku muntu ushaka gukora Hijat ya Ifradu ndetse n'iya Qiranu.
Kwiruka mu ntambwe ntoya ku nshuro eshatu za mbere muri Twawafu yo kugera Makka na Twawafu ya Umurat. Gupfukura urutugu rw'iburyo igihe uri muri Twawafu yo kugera Makka ndetse na Twawafu ya Umurat. Kubanza gufatanya isengesho rya Magharib na Al Ishau ukigera Muzidalifat. Kurara Mina mu ijoro rya Arafat. Gusoma ibuye ryirabura. Guhagarara Muzidalifat kuri Mashiaril haram kuva mu museke kugeza izuba ryenda kurasa, kandi Muzidalifat yose biremewe kuhahagarara.

### Ibibujijwe ku muntu wamaze gufata umugambi wa hijat

Nabyo ni ibintu 9, aribyo: Kogosha umusatsi ku mutwe no ku mubiri, guca inzara, umugabo gupfuka umutwe, kwambara imyambaro idoze ku bagabo, abagore kwambara Niqabu na gat, kwihumuza ukoresheje (isabune cyangwa amarashi), kwica umuhigo ndetse no guhiga inyamaswa, kugira isezerano ryo gushyingirwa we cyangwa kurikorera undi, gukora imibonano mpuza bitsina, gukinisha umugore ahatari ku gitsina. Ukoze kimwe muri ibyo bintu bibujijwe yibagiwe cyangwa atazi itegeko ryabyo, cyangwa akabikora ashyizweho agahato, nta cyaha kuri we, usibye gusa uwishe umuhigo uwo agomba gutanga inshungu, muri rusange, naho ukoze kimwe muri biriya bintu bibujijwe abishaka, icyo gihe ibibujijwe kuri we biba biri mu bice bine:

### Igikorwa kitagira inshungu

Gukora isezerano ryo gushyingiranwa, yaba kuri we cyangwa kurikorera undi, ni kimwe no gukinisha umugore ahatari ku gitsina, igihe adasohoye intanga, icyo gihe nta cyiru asabwa, asabwa gusa kwicuza.

### Igikorwa inshungu yacyo iba imeze nkacyo

Kwica umuhigo no guhiga inyamaswa, uyishe uwo asabwa gutanga inshungu, ya rusange: Igihano cye kiba gutanga itungo rihwanye n'icyo
yishe, byemejwe n'abantu babiri
b'inyangamugayo.

### Igikorwa inshungu yacyo iba iremereye

Aricyo gukora imibonano mpuza bitsina, naho uyikoze mbere yuko agira uburenganzira bwa mbere, uwo aba yangije Hijat ye, akaba agomba kuzayisubiramo kandi akaba agomba gutanga igitambo.

### Igikorwa inshungu yacyo iba ari iyo kubuza amahoro

Ni ibindi bikorwa byose bibujijwe bisigaye, inshungu yabyo ikaba ari uguhitamo hagati ya:
Ashobora gusiba iminsi itatu. Cyangwa kugaburira abakene batandatu, buri mukena agahabwa cyimwe cya kabiri cy'icyibo, cyangwa akabaga intama ikagabanywa abakene ba Makka.

### Amazina y'iminsi ya Hijat:

**Umunsi wa Tar'wiyat:** ariwo munsi wa 8, kuri uwo munsi bajyaga bajyana amazi Mina.
**Umunsi wa Arafat:** cyangwa wo guhagarara, ariwo munsi wa 9.
**Umunsi w'ilayidi,** n'umunsi wo kubaga: ariwo munsi wa 10.
**Umunsi wa Qari:** ariwo munsi wa 11.
**Umunsi wa Nafari ya mbere:** akaba ari umunsi wa 12.
**Umunsi wa Nafari ya kabiri:** akaba ari umunsi wa 13.
Ijoro rikusanyije byose: Ni ijoro ry'ilayidi, ryiswe iryo zina kubera ko abantu barikusanyika mo bose nyuma y'igihagararo cya Arafat, kuko abantu ba Makka mu gihe cy'ubujiji ntabwo bajyaga bajya Arafat.

### Ahantu hatanu muri Hijat hasabirwa ubusabe:

-Ku musozi wa Arafat nyuma yuko izuba riva mu kirere hagati ku munsi wa cyenda kugeza izuba rirenze.

-Muzidalifat nyuma ya Al Fajir ku munsi wa cyenda kugeza izuba rigiye kurasa.
-Nyuma yo gutera amabuye inking ya Jamurat ntoya ndetse n'iyo hagati, mu minsi itatu ikurikira ilayidi y'ibitambo.
-Mu gihe cyo gokora Tawaaf.
-Mu gihe cyo gukora Saayi (kugenda hagati ya Swafa na Maruwa), igihe ugeze ku musozi wa Swafa n'uwa Maruwa no hagati yayo.

## Uko hijat na umurat bikorwa Sheikh muhamad mwene swaleh al uthayimin (imana imugirire impuhwe) yaravuze ati:

Ni muba mugeze ku mipaka yabugenewe (Miqat), mujye mwoga mwisige amarashi ku mibiri yanyu mu mutwe no mu bwanwa, nimurangiza mufate umugambi wo gukora Umurat muzakora Hijat ya Tamatuu, hanyuma mujye Makka murimo kwitaba (Talbiyat), nimugera ku inzu ntagatifu, mukore muzenguruke Al Kaabat (Twawafu) ya Umurat inshuro zirindwi, kandi mu menye ko umusigiti wose wa Makka ushobora kuhakorera Twawafu haba hafi ya Al Kaabat cyangwa kure yayo, ariko ayikoreye hafi yayo nibyo byiza, igihe nta ngorane wahura nazo z'umubyigano, niba hari umubyigano jya uwuhunga wigire kure gato, kandi ibintu biroroshye Imana ishimwe. Nurangiza gukora Twawafu usari Raka ebyiri inyuma ya Maqamu ya Ibrahimu, hafi yayo biramutse bikoroheye bitakoroheye wakwigira hirya gato, icyangombwa nuko Maqamu iba iri hagati yawe na Al Kaabat, nurangiza ujye gukora Saayi ya Umurat (kugenda hagati ya Swafa na Maruwa), kandi uhere ku musozi wa Swafa nurangiza kuzenguruka inshuro zirindwi, mugabanye imisatsi yanyu ku mutwe wose, ntugabanye ku gice kimwe cy'umutwe ngo ikindi ucyihorere, uramenye ntuzagendere kubyo abantu benshi bakora.
Noneho nibigera ku munsi wa munani w'ukwezi kwa Dhul Hijat, mujye mwoga mwisige amarashi hanyuma mufate umugambi wo gukora Hijat aho mwashyikiye mu mazu yanyu, hanyuma mwerekeze Mina muhasengere isengesho rya Adhuhur, Al Aswir, Magh'rib na Al Ishau ya nyuma na Al Fajir kandi mugabanya ku isengesho rya Rakaa enye musenga ebyiri ariko mudafatanya amasengesho, kuko intumwa yanyu Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yajyaga agabanya Rakaa z'amasengesho Mina na Makka ariko atayafatanyije, izuba nirirasa ku munsi wa Arafat mwerekeze ku musozi wa Arafat mwicishije bugufi kandi murimo kwitaba (Talibiyat), muhasengere amasengesho ya Adhuhur na Al Aswir muyafatanyije ku gihe cya Adhuhur, nimurangiza mufate umwanya wo gusaba ubusabe no guca bugufi ku Mana kandi mwihatire kuba mufite isuku, mwerekeye Qiblat nubwo umusozi wa Arafat waba uri inyuma yanyu, kuko itegeko ari ugusaba werekeye Qiblat kandi mwite cyane ku mbibi za Arafat n'ibimenyetso biharanga, kuko abenshi mu bakora Hija bahagarara ahatari mu mbibi za Arafat, kandi utahagaze Arafat Hijat ye ntiyemerwa, kubera ijambo ry'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) rigira riti **"Hijat ni Arafat"** kandi Arafat yose biremewe kuhahagarara iburasirazuba bwayo n'uburengerazuba, amajyepfo yayo n'amajyaruguru, usibye gusa mu kibaya cya (Arinatu), kubera ijambo ry'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) rigira riti **"Mpagaze aha ngaha ariko Arafat yose harahagararwa".**
Iyo izuba rirenze, mumaze kwemeza koko ko ryarenze mujye mwerekeza Muzidalifat mwitaba (Talibiyat) kandi mwicishije bugufi mujye mwitwararika umutuzo uko bishoboka kose nkuko intumwa yanyu Muhamadi

yabibategetse, kuko yavuye Arafat ingamiya ye yayiziritse imigozi, avuga yerekana n’ukuboko kwe ati **“Yemwe bantu, murangwe n’umutuzo murangwe n’umutuzo”.** Nimugera Muzidalifat muhasengere Magh’rib na Al Ishau, hanyuma muharare kugeza mu gitondo, intumwa ntawe yigeze yemerera kuva Muzidalifat butaracya usibye gusa abafite imbaraga nkeya, yabahaye uburenganzira bwo kuhava mu ijoro rya nyuma, hanyuma nimumara gusenga Al Fajir mwerekere Qiblat mukuze Imana kandi muyishimire munayisabe kugeza izuba rigiye kurasa, hanyuma mbere yuko izuba rirasa mujye Mina, hanyuma mutoragure utubuye turindwi hanyuma mwerekeze ku nkingi ya Jamurat Aqabat ariyo ya nyuma yerekera Makka muyitere amabuye nyuma yuko izuba rirasa utubuye turindwi muvuga kuri buri kabuye muti “Allahu Akbar” mukabikora mwicishije bugufi kandi icyo gikorwa mugiha agaciro.

Kandi mumenye ko ikigambiriwe mu gikorwa cyo gutera amabuye, ari ugukuza Imana no kuyisingiza, kandi ni ngombwa ko utubuye tugwa mu ibesani yabugenewe ntacyo ari ngombwa ko uhamya inkingi, nimurangiza gutera amabuye inkingi, mubage ibitambo byanyu, kandi igitambo cyemerwa ni icyemewe muri Adwuhiyat, kandi nta kibazo kuba washyiraho umuntu akakubagira, nyuma yo kubaga mwogoshe imisatsi yanyu, kandi ni ngombwa kogosha imisatsi yose, ntibyemewe kogosha hamwe ugasiga ahandi, naho umugore agabanya umusatsi we ungana n’urugingo rumwe rw’urutoki, nyuma yaho muba mudohorewe bwa mbere ibintu bimwe na bimwe, nko kwambara imyambaro isanzwe, guca inzara no kwisiga amarashi ariko ntimwemerewe kubonana n’abagore banyu, hanyuma mbere y’isengesho rya Adhuhur mujye Makka, mukore Twawafu ya Hijat ndetse na Saayi, hanyuma musubire Mina, gukora Twawafu na Saayi no gutera amabuye no kogosha, muba mudohorewe bwa kabiri, mukaba mwemerewe ibintu byose ndetse no kubonana n’abagore banyu.

Yemwe bantu, mumenye ko ukora Hijat ku munsi w’ilayidi akora imigenzo ine: Gutera amabuye Jamurat, hanyuma kubaga, hanyuma kogosha umusatsi, hanyuma gukora Twawafu na Saayi, ibi bikorwa byose bikorwa bikurikiranye mu buryo bwuzuye, ariko uramutse ubikoze mu buryo budakurikiranye ukabanza icyari guheruka, mukogosha umusatsi mbere yo kubaga ibyo nta kibazo, muramutse kandi mukereje gukora Twawafu na Saayi kugeza muvuye Mina nabyo nta kibazo, kandi munakereje kubaga mukazabagira Makka ku munsi wa cumi na gatatu, nabyo ntacyo bitwaye, cyane cyane igihe hari ikibazo cyangwa ukabikora kubera inyungu runaka.

Umunsi wa Cumi na rimwe kandi mugomba kurara Mina, maze izuba ryava mu kirere gato, mukajya gutera amabuye inkingi zose uko ari eshatu muhereye ku nkingi ya mbere hanyuma iyo hagati hanyuma Jamuratu Aqabat, buri nkingi muyitera utubuye turindwi, mukuza Imana uko muteye akabuye. Igihe cya gutera amabuye ku munsi w’ilayidi ku muntu ubishoboye ni igihe izuba rirashe, naho ku muntu w’intege nke, atera amabuye mu ijoro rya nyuma kugeza izuba rirenze, igihe cyo gutera amabuye nyuma y’umunsi w’ilayidi ni uguhera izuba rivuye mu kirere gato kugeza izuba rirenze, ntabwo byemewe kujya gutera amabuye mbere yuko izuba riva mu kirere gato, ariko biremewe kujya gutera amabuye ninjoro igihe ku manywa hari umubyigano ukabije, iyo umuntu adashoboye kwiterera amabuye ubwe kubera ko ari muto cyangwa ageze mu zabuku cyangwa akaba arwaye ni byiza ko yagena uwamuterera amabuye, kandi ugiye guterera undi, biremewe ko abanza kwiterera we ubwe hanyuma agaterera uwamutumye mu

gihe kimwe. Nimurangiza gutera amabuye ku munsi wa cumi na kabiri, icyo gihe Hijat iba irangiye, muri icyo gihe muba mufite uburenganzira igihe mwihuta kuva Mina, mwaba mutihuta mukarara Mina nanone ijoro rya cumi na gatatu, hanyuma izuba ryava mu kirere gato mukajya gutera amabuye na none inkingi zose uko ari eshatu, kandi ibyo nibyo byiza, kuko ariko intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabikoze.

Hanyuma mwaba mushaka kuva Makka mutaha mugakora Twawafu yo gusezera, umugore uri mu mihango cyangwa mu bisanza iyo Twawafu ntibareba, nta nubwo bemerewe kujya guhagarara ku muryango w'umusigiti.